


# Nakehi Ni Ibishyimbo

Estevâo Campama

N D Mazin

Yahinduwe na Erika Mittag na Francine Muhawenimana

Kinyarwanda



Umunsi umwe, Nakehi n’umugore we, Maria, bagiye gusura Nipapariya n’umugore we, Sarah.



Mu igihe bombi baribahagezeyo, Nipapariya na Sarah n’ubuntu bwinshi babakiriye neza.



Bishe inkoko
barayiteka
bose basangirira
hamwe.



Icyumweru cyakurikiyeho, Nipapariya na Sarah bagiye gusura Nakehi na Maria.



Bagezeyo, Nakehi ntabwo yari mu rugo.



Yari yagiye hanze gutega umutego wo gufata igisiga.



Nakehi agarutse,
abona inshuti ze.

Yarishimye cyane.



Yagiye kureba icyo
Maria yatekaga.

Yatekaga ibishyimbo.



Yakubise umugeri
ibishyimbo maze
asohoka munzu yiruka.



Yabwiye inshuti ze umutego yari yashize hafi y'icyari cy'amagi y'igisiga.



Bakivugana, Nakehi yumvise ijwi ry’ igisiga rihamagara.

Iryo hamagara ryamubwiye ikintu.

Igisiga cyafatiwe mu umutego.



Nakehi yarasimbutse, ashyira icyuma mu umukandara, yiruka ajya gufata igisiga.



Ahinda umushyitsi n’ibyishimo, afata igisiga n’ukuboko kumwe.



Ukundi kuboko kwe kwegeranya amagi.



Nakehi yerekeje mu rugo yuzuye ishema.

Ariko uko yagendaga, icyuma cye cyacaga umukandara.



N’ishema Nakehi
yazamutse mu
rugo iwe.



Muri ako kanya,
umukandara we
uranyerera maze
umwenda we ugwa
ku ibirenge.




Yagerageje gufata umwenda ariko arekura igisiga.

Igisiga kiraguruka.

Amagi agwa hasi arameneka.



Nipapariya na Sarah baraseka kandi baraseka.



Noneho bose bariye ibishyimbo byari bisigaye.

Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoresha amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo buk urikira:

Nakehi ni Ibishyimbo

**Umwanditsi** -- Estevâo Campama, Simões Duarte and Zacarias Pedro
**Byahinduwe na -** Erika Mittag and Francine Muhawenimana
**Icyitegererezo** -- N D Mazin
**Ururimi** - Ikinyarwanda
**Urwego** - Interuro yambere

© Little Zebra Books 2016
Creative Commons: Attribution 4.0
Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0
**Inkomoko** www.africanstorybook.org
**Inkomoko yumwimerere** A Lomwe folktale from Northern Mozambique © SIM

**2023.12.03**